**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Ubuyobozi Bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda**
**Ishami rishinzwe Abakozi (JI Department)**
**P.O BOX 85 KIGALI**

# ITANGAZO KU BIFUZA KWINJIRA MU NGABO Z'U RWANDA

1. Ubuyobozi bw'Ingabo z'u Rwanda buramenyesha Abanyarwanda bose bifuza kwinjira mu ngabo z'u Rwanda ku rwego rwa Ofisiye ko kwiyandikisha ku turere no ku mirenge bizatangira tariki ya **2 Nyakanga** kugeza ku ya **9 Kanama 2024.**

2. Abahamagawe ni abo ku rwego rwa Ofisiye baziga umwaka umwe mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare (Rwanda Military Academy-Gako). Bagomba kuba bararangije icyiciro cya kabiri cya kaminuza (A0) cyangwa A1 kubize amashuri y'imyuga (IPRC) bafite imyaka y'amavuko kuva kuri 18 kugeza kuri 24. Ku bize mu ishami ry'ubuganga (Medicine), ubuhanga (Engineering) ndetse n'amategeko (Law) babyifuza, bagomba kuba batarengeje imyaka 27 y'amavuko.

3. Abiyandikisha ni abasore n'inkumi bujuje ibi bikurikira:
   a. Kuba uri Umunyarwanda.
   b. Ufite ubushake.
   c. Ufite ubuzima buzira umuze.
   d. Utarakatiwe n'inkiko.
   e. Uri Inyangamugayo.
   f. No gutsinda ibizamini bizatangwa.

4. Abiyandikisha basabwa kwitwaza ibi bikurikira:
   a. Indangamuntu.
   b. Icyemezo cy'amashuri wize kiriho umukono wa noteri.
   c. Icyemezo cy' ubudakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'ubuyobozi bw'umurenge.
   d. Icyemezo cyo kuba utarakatiwe n'inkiko.

5. Abiyandikishije bazakora ibizamini by'ijonjora kuva tariki **10** kugeza kuri **17 Kanama 2024** saa mbiri za mu gitondo aha hakurikira:

   a. **Intara y'Amajyaruguru**:
   - Mu karere ka Gicumbi ni tariki ya 10 Kanama 2024 kuri Sitade ya Gicumbi.
   - Mu karere ka Burera ni tariki ya 11 Kanama 2024 ku biro by'akarere.
   - Mu karere ka Musanze ni tariki ya 12 Kanama 2024 kuri Sitade Ubworoherane.
   - Mu karere ka Gakenke ni tariki ya 13 Kanama 2024 ku kibuga cy'umupira cya Ngando.
   - Mu karere ka Rulindo ni tariki ya 14 Kanama 2024 ku kibuga cya Gasiza.

   b. **Mu mujyi wa Kigali:**
   - Mu karere ka Nyarugenge ni tariki ya 10 Kanama 2024 kuri Sitade i Nyamirambo (Kigali Pelé Stadium).
   - Mu karere ka Kicukiro ni tariki ya 11 Kanama 2024 kuri Sitade ya IPRC Kicukiro.
   - Mu karere ka Gasabo ni tariki ya 12 Kanama 2024 kuri Sitade ya ULK.

RWANDA DEFENCE FORCE HQ - OFFICE OF THE CHIEF
REPUBULIKA Y'U RWANDA

c. **Mu ntara y'Amajyepfo :**

- Mu karere ka Nyamagabe ni tariki ya 10 Kanama 2024 kuri Sitade ya Nyamagabe.
- Mu karere ka Nyaruguru ni tariki ya 11 Kanama 2024 ku kibuga cy'umupira cya Ndago.
- Mu karere ka Gisagara ni tariki ya 12 Kanama 2024 ku biro by'akarere.
- Mu karere ka Huye ni tariki ya 13 Kanama 2024 kuri Sitade ya Huye.
- Mu karere ka Nyanza ni tariki ya 14 Kanama 2024 kuri Sitade i Nyanza.
- Mu karere ka Ruhango ni tariki ya 15 Kanama 2024 ku biro by'akarere.
- Mu karere ka Muhanga ni tariki ya 16 Kanama 2024 kuri Sitade ya Muhanga.
- Mu karere ka Kamonyi ni tariki ya 17 Kanama 2024 ku biro by'akarere.

d. **Mu ntara y'Iburasirazuba** :

- Mu karere ka Kirehe ni tariki ya 10 Kanama 2024 ku biro by'akarere ka Kirehe.
- Mu karere ka Ngoma ni tariki ya 11 Kanama 2024 I Ngoma ku kibuga cy'umupira.
- Mu karere ka Nyagatare ni tariki ya 12 Kanama 2024 ku kibuga cy'umupira cya Nyagatare.
- Mu karere ka Gatsibo ni tariki ya 13 Kanama 2024 ku biro by'akarere ka Gatsibo.
- Mu karere ka Kayonza ni tariki ya 14 Kanama 2024 ku biro by'akarere ka Kayonza.
- Mu karere ka Rwamagana ni tariki ya 15 Kanama 2024 ku biro by'akarere i Rwamagana.
- Mu karere ka Bugesera ni tariki ya 16 Kanama 2024 ku kibuga cy'umupira cya Bugesera (Sitade).

e. **Mu ntara y'Uburengerazuba**:

- Mu karere ka Rusizi ni tariki ya 10 Kanama 2024 kuri Sitade ya Rusizi.
- Mu karere ka Nyamasheke ni tariki ya 11 Kanama 2024 ku biro by'akarere.
- Mu karere ka Karongi ni tariki ya 12 Kanama 2024 ku biro by'akarere.
- Mu karere ka Rutsiro ni tariki ya 13 Kanama 2024 kuri Sitade ya Rutsiro.
- Mu karere ka Rubavu ni tariki ya 14 Kanama 2024 kuri Sitade ya Rubavu.
- Mu karere ka Nyabihu ni tariki ya 15 Kanama 2024 mu kigo cya gisirikare Mukamira.

6. Mu karere ka Ngororero ni tariki ya 16 Kanama 2024 kuri Sitade Ngororero. Iri tangazo kandi mushobora kurisoma ku rubuga rwa Minisiteri y'Ingabo www.mod.gov.rw.

Bikorewe Kigali, tariki ya 20 Kamena 2024

RWANDA DEFENCE FORCE HQ - OFFICE OF THE CHIEF J1

**Lambert SENDEGEYA**
Colonel
Umuyobozi Mukuru Ushinzwe
Abakozi mu Ngabo z'Igihugu (RDF)